Hakomatanyije imva, umusigiti byose byubatwe mu gihe Gao yabaye umurwa w'ubwami bwa Songhai (Songhai Empire) nyuma yuko Askia Muhamed avuye i Mecca noneho idini rya Islam riba idini muri ubwo bwami.

4.Cliff of Bandiagara (Land of the Dogons) (Mali)

Bandiagara ni ahantu kamere kandi ndangamuco hagiye mu mirage y'isi mu mwaka wa 1989,hagizwe n'imisozi n'imiturire, ubuvumo, ahantu ha masengesho.

Mu myaka ya kera haberaga imigenzo n'imihango gakondo yabari batuye ako gace. Ni hamwe mu bantu heza muri Afurika y'Uburengerazuba.

5. Ruins of Loropeni (Burkina Faso)

Umurage w'isi w'ibisigazwa bya Loropeni (Ruins of Loropeni) ni umurage uri mu cyiciro cy'umuco, wabaye umurage w'isi mu mwaka wa 2009.

Ni urugero rwiza rw'imirage ya kera mu burengerazuba bw'Afurika, ahantu hari hatuwe mu kinyejana cya 11-17, kubera ubucukuzi bw'amabuye bwa habaga ndetse n'ubucuruzi bwambukiranya Sahara mu gihe cy'ubwami bwa Ghana, Mali na Songhai. Harekeye guturwa mu Kinyejana cya 19.

Ni umurage w'isi uherereye mu majyepfo y'uburengerazuba bwa Burkina Faso mu ntara ya Poni.

6. W-Arly Pendjari Complex (Burkina Faso)

Umurage w'isi kamere uzwi nka W National Park, uhuriweho n'ibihugu bitatu Burkina Faso, Nige na Benin. Ni W National Park (Niger) yanditswe mu mirage y'isi kamere ku giti cyayo wonyine mu 1996. Arli National Park (Burkina Faso) na Pendjari National Park (Benin) nayo yabaye imirage y'isi mu mwaka wa 2017.

Ni agace karimo ibimera bya Sudano Sahelian Savanna (amashyamba, ibyatsi, ibibaya..) haba inyamaswa nka Ingwe, intare, imvubu, impara,...

7. Ancient Ferrous Metallurgy site of Burkina Faso

Umurage w'isi wabaye umurage w'isi mu mwaka wa 2019 mu cyiciro cy'umuco. Ni umurage w'ubucuzi muri Afurika kuva kera, hagizwe n'ibice bitanu. Kimwe muri byo Douroula wabayeho ku kinyejana cya 8 BCE mu gihe ikoranabuhanga ryari rigezweho icyo gihe. Ibindi bice bine byabayeho mu kinyagihumbi gishize. Hazwiho kwerekana ubumenyi n'ubwenge bwabo bantu ba kera.

8. Royal Court of Tiébélé (Burkina Faso)

Ahantu habaye umurage w'isi mu mwaka wa 2024 mu cyiciro cy'umuco, havumbuwe mu kinyejana cya 16 n'abaturage ba Kassena, harimo inzu zo guturamo, ahantu h'imigenzo gakondo, irimbi ry'abami, urutare rw'imigisha.

Inyubako ziri i Adobe zubatswe n'abagabo naho ibyerekeye imitako ku nyubako byakorwaga n'abagore gusa.

9. Air and Ténéré Natural Reserves (Niger)

Umurage w'isi kamere ucunzwe cyane muri Afurika, habaye umurage w'isi mu mwaka wa 1991, hafite ubuso bwa Ha Miliyoni 7.7.

Hagizwe n'ibibuye by'ibirunga ba Air, urusobe bw'ibimera, inyamaswa n'ikirere biherereye mu akarere ka Sahara ahitwa Ténéré.

10. W-Arly Pendjari Complex (Niger)



Umurage w'isi kamere uzwi nka W National Park, uhuriweho n'ibihugu bitatu Burkina Faso, Niger na Benin. Ni W National Park (Niger)

yanditswe mu mirage y'isi kamere ku giti cyayo wonyine mu 1996 . Arli National Park (Burkina Faso) na Pendjari National Park (Benin) nayo yabaye imirage y'isi mu mwaka wa 2017.

Ni agace karimo ibimera bya Sudano Sahelian Savanna

(amashyamba, ibyatsi, ibibaya..) haba inyamaswa nka Ingwe, intare, imvubu, impara,..

11. Historic Centre of Agadez (Niger)

Hafatwa nko mu marembo y'ubutayu bwa Sahara, Agadez ni ahantu hagiye mu mirage y'isi mu mwaka wa 2013 mu cyiciro cy'umuco. Ni agace kari mu majyepfo y'ubutayu bwa Sahara, hateye imbere hagati y'ikinyejana cya 15 na 16 mu gihe Sultan Air yabagaho n'abaturage ba Touareg bakaza kuhatura. Hazwi kuba ahantu hasigasiwe n'abaturage bose, harimo inzu z'ubucuruzi, z'ubugeni ndetse n'umusigiti ufite umunara wa m 27.

Ikirunga cya Sabyinyo: Ikirunga gihuza ibihugu bitatu; Rwanda –Uganda-RDC

Ikirunga kireshya na metero 3669 z’uburebure uturutse ku nyanja, cyahagaze kuruka, ku gasongero kacyo niho ibyo bihugu bitatu bihurira.

Uruhererekane rw’imisozi y’Ibirunga iri hagati y’ibihugu by’ u Rwanda, Uganda na Repuburika Iharanira Demokarasi ya Congo.



Iyo misozi izwi kubamo inyamaswa z’Ingagi, inkende, imbogo n’izindi. Abantu bazamuka iki kirunga bagiye gusura imiryango y’ingagi nka; Agashya, Hirwa, Muhoza, Sabyinyo Group, ni inyamaswa zibera muri iryo shyamba kandi zikaba zimwe mu nyamaswa zirimo gucika ku isi.

Ku gasongere k’icyo kirunga haboneka amakoro amaze imyaka myinshi, ibiti n’inda-byo byinshi bitandukanye, inyoni nyinshi, kureba ahantu hatandukanye uhitegeye.

Things to know about Pyramids in Egypt

The pyramids are engineering marvels and cultural icons built by skilled workers motivated by faith, precision aligned with the cosmos, packed with purpose-built chambers and texts, and still unraveling secrets today.



1. What are they and why were they built?

- The pyramids are ancient royal tombs constructed mainly during Egypt's Old Kingdom, for pharaohs like Khufu, Khafre, and Menkaure at Giza
- Their scale and layout reflect a deep religious belief in the afterlife—built to aid the pharaoh's divine journey after death.

2. The three Great Pyramids of Giza

Khufu (Great Pyramid)

Khafre

Menkaure

3. Construction mysteries & techniques

- Built over ~20 years each—Khufu's took around 20–23 years
- Skilled laborers not slaves quarried, cut, transported, and assembled massive stone blocks, living in nearby worker villages and receiving rations and benefits
- Most accepted method: ramps of earth, brick, and sand, sometimes at steeper gradients than previously believed.

4. Astronomical alignment & engineering

- Pyramids are aligned with exceptional precision to cardinal points (within 0.05°) and may mirror Orion's Belt as part of celestial symbolism
- The ancient Egyptians used an ingenious unit *seked* to define the slope of pyramid faces (e.g., $\sim 51.84^\circ$ for the Great Pyramid)

5. Chambers & hidden spaces

- Inside the Great Pyramid are secret shafts, hidden corridors, and voids, including a “big void” discovered via muon tomography.

Earlier pyramids like the Step Pyramid at Saqqara introduced concepts such as *serdabs* secret rooms for the pharaoh’s soul (Ka statue) and *Pyramid Texts*, the oldest religious inscriptions meant to guide the deceased.



6. The Sphinx & more pyramids

- The Great Sphinx of Giza lion body, human head likely dates to Khafre’s reign and serves as guardian of the necropolis

Egypt has around 138 known pyramids, including monumental ones like the Bent and Red Pyramids at Dahshur made during earlier experiments in pyramid construction.

7. Legacy & discoveries today

- The Giza pyramids are UNESCO World Heritage and house rich artifacts in nearby Grand Egyptian Museum, opened in 2023

Modern technologies like radar scanning, muon imaging, and archaeological surveys continue revealing hidden chambers, inscriptions, and previously unseen structures.

La montagne de la Table parmi les 7 nouvelles Merveilles de la nature dans le monde.

La Montagne de la Table est un trésor géologique, écologique, culturel et touristique. Une ascension ou visite de son sommet offre un panorama spectacu-

1. Une forme unique et très ancienne

- Plate (mesa) s'étendant sur près de 3 km de largeur. Son nom « Table Mountain » vient de cette forme caractéristique. Les roches datent de l'Ordovicien/Silurien,



laire, un air pur, et une immersion dans l'histoire et la biodiversité exceptionnellement riche de la région. Une étape quasi obligatoire lors d'un séjour à Cape Town .

Elle est très emblématique du pays et est dans le Cape Floral Region Protected Areas et son ensemble classé au patrimoine mondiale de l'UNESCO depuis 2004.

il y a environ 600 millions d'années, faisant de la montagne l'une des plus vieilles au monde.

2. Biodiversité exceptionnelle


- Partie du Royaume floral du Cap (Cape Floral Kingdom), inscrit au patrimoine mondial de l'UNESCO, avec plus de **8 200 espèces de plantes**, dont ~80 % sont du fynbos, dont plus de 70 % sont endémiques
Plus de **2 200 espèces végétales** rien que sur Table Mountain.

3. Faune fascinante

- Le célèbre **dassie** (hyrax) est partout, et est en réalité proche des éléphants. On trouve aussi le **table mountain ghost**

constellation Messier (Mensa) nommée en son honneur.

7. Histoire et patrimoine culturel



frog, des lézards, serpents, porcs-épiques, mouflons (tahr) et la plus forte concentration de faucons pèlerins au monde.

4. Phénomène météo « Tablecloth »

- Le célèbre « nappage de table » nuageux : un banc de nuages formé quand l'air humide de l'océan s'élève, se refroidit puis déferle sur le plateau. Cela crée la fameuse « nappe » signal météo local.

5. Activités, accès, et infrastructure

- **Téléphérique** existant depuis 1929, capacité actuelle ~60 personnes, avec plancher tournant pour une vue à 360°.
 - Plus de **350 sentiers balisés**, allant de balades légères à randonnées exigeantes (ex : Platteklop Gorge)
- Activités possibles : escalade, spéléologie (grotte de Wynberg), VTT, pique nique, camping.

6. Reconnaissance mondiale

- Désignée **New7Wonders of Nature** en 2011 Seule montagne au monde à avoir une

- Nomée « Hoerikwaggo » (« montagne de la mer ») par les Khoikhoi, et « Taboa de Caba » (Tabua do Cabo) par Antonio de Saldanha (premier Européen à escalader, en 1503).

- **Maclear's Beacon**, un cairn trigonométrique datant de 1844, marque le point culminant à 1 086 m.

8. Statistiques clés

Altitude sommitale : 1 084 m (3 563 ft)
Visiteurs annuels : 800 000 à 4,2 millions
Longueur face Nord env. 3 km

Conseils de visite

- Monter tôt pour éviter le « tablecloth ». Par beau temps, téléphérique plus rapide et accessible.
- Apportez eau, vêtements chauds/ coupe vent et bonnes chaussures si vous randonnez.
- Explorez le fynbos unique, observez les dassies, profitez des vues sur la baie, Robben Island, Lion's Head, Devil's Peak...

Inkuru idasanzwe

Ibintu 20 wamenya ku mwamikazi Rosalie Gicanda



U Rwanda ni gihugu cyayobowe n'ingoma z'abami igihe kirekire, n'ubwo umwami yagiraga abagore benshi, havagamo umwe akaba Umwamikazi .

Umwamikazi nta bubasha yagiraga mu ifatwa ry'ibyemezo, keretse umuhungu we iyo yimaga ingoma, akaba Umugabekazi.

Umwamikazi yabaga ari mu banyacyubahiro bakomeye I Bwami, yaherekezaga umwami mu birori bitandukanye.

Umwamikazi Rosalie Gicanda yari umugore w'umwami Mutara III Rudahigwa.

Dore ibintu 20 wamenya ku mwamikazi Rosalie Gicanda.

- 1. Rosalie Gicanda yakomokaga mu muryango w'Abanyiginya.**
- 2. Rosalie Gicanda yavutse mu mwaka wa 1928**
- 3. Rosalie Gicanda yavukiye I Rwamagana**
- 4. Rosalie Gicanda yakuze ari umukobwa w'imico myiza, mwiza kandi ugira isoni**
- 5. Rosalie Gicanda yashyingiranywe n'umwami Mutara III Rudahigwa tariki ya 13/01/1942**
- 6. Amaze kurongorwa n'umwami nibwo yahawe izina ry'Umwamikazi**
- 7. Umwamikazi Rosalie Gicanda yari umugore wa kabiri w'umwami.**
- 8. Umwamikazi Rosalie Gicanda yabanye n'umwami kugera mu mwaka wa 1959**
- 9. Umwamikazi yafashije Nyakubahwa Paul Kagame guhunga hamwe n'umuryango we mu 1961**
- 10. Mu 1961, Perezida Gregoire Kayibanda yirukanye umwamikazi I Nyanza.**
- 11. Umwamikazi Rosalie Gicanda yimukiye I Huye(Butare),aho yabanaga n'umubyeyi we ndetse n'abandi bana yareraga.**
- 12. Umwamikazi Rosalie Gicanda yazize Jenocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994.**
- 13. Umwamikazi Rosalie Gicanda yishwe tariki ya 20/Mata 1994**
- 14. Umwamikazi Rosalie Gicanda yicanywe n'abandi bagore b'inshuti ze batandatu n'abo mu muryango we.**
- 15. Umwamikazi Rosalie Gicanda n'abandi barasiwe imbere y'Ingoro Ndangamurage y'Imibereho y'Abanyarwanda I Huye.**
- 16. Yishwe ku itegeko rya Lt Pierre Bizimana na Dr Kageruka wari umuganga mu bitaro bya Kaminuza ya Butare.**
- 17. Amabwiriza yo kubica yari yatanzwe na Captain Ilephonse Nzeyimana.**
- 18. Umwamikazi Rosalie Gicanda aruhukiye I Mwima ya Nyanza.**
- 19. Umwamikazi Rosalie Gicanda yapfuye afite imyaka 66.**
- 20. Umwamikazi Rosalie Gicanda niwe Mwamikazi wanyuma w'u Rwanda.**

Ikiganiro

Ibisubizo 15 bya Joseph k'ubukerarugendo, umuco n'amateka by'u Rwanda

Ikinyamakuru igicumbi.com cyaganiriye na Joseph, umusore w'umunyarwanda ukunda ubukerarugendo akaba akora akazi ko kuyobora bamukerarugendo batandukanye ahantu nyaburanga mu Rwanda ndetse no mu karere k'ibiyaga bigari. Cya mubajuye ibibazo bitandukanye ku mateka ,umuco n'ubukerarugendo by'u Rwanda.

**1.Ni hehe watem-
bereye mu Rwan-
da?**

**Natembereye muri
Parike ya Nyungwe**

**2.Ni uwuhe muntu
cyangwa ikintu mu
mateka y'u Rwanda
ukunda cyangwa
uzirikana?**

**Nzirikana Umukuru
w'igihugu cya-
cu Perezida Paul
Kagame**

**3.Ni hehe uheruka
gutemberera
cyangwa kugera mu
Rwanda?**

**Muri Parike y'Ak-
agera**



4. Ni ayahe mafunguro cyangwa ibinyombwa bya Kinyarwanda ukunda?

Urwangwa

5. Ni iki witwaza iyo utembereye cyangwa uri mu rugendo?

Icupa ry'amazi na Google map

6. Ni hehe wifuza mu buzima bwawe gutembera mu Rwanda ?

Mu kibaya cya Buragarama

7. Ni irihe torero ribyina Kinyarwanda ukunda?

Ni Indamutsa

8. Ni hehe mu Rwanda watembereye cyangwa wageze ukumva urahakunze?

Muri Nyungwe

9. Ujya mu ntara z'u Rwanda, ni ikihe kigo gitwara abagenzi ukunda? Kubera iki?

RTICO

10. Ni uwuhe mu-
hanzi, umwanditsi, umunyabugeni w'u-
munyarwanda ukunda? N'igihangano cye ukunda?

Rugamba Cyriprien, Hamwe n'Itorero

Amasimbi n'amakobe.

11. Uwaguhitishamo ahantu ho gutura mu Rwanda, wahitamo he? Kubera iki?

I Musanze

12. Ni irihe serukiramuco ukunda mu Rwanda?

Rwanda arts festival

13. Ni ikihe gihugu cya Afurika wifuza kuba watemberamo? Kubera iki?

South Africa Kubera ko ari cyiza

14. Ni hehe hafite amateka mu Rwanda wifuza kugera?

Ku Murindi w'intwari

15. Ni hehe uteganya gutemberera muri 2024?

Lake Kivu

Murakoze

Murakoze namwe

Tukuyobore

**Ushaka kujya gusura Isomero
rya Club Rafiki**

Ni isomero rikorera mu kigo cy'Urubyiruko cya Club Rafiki.

Ni ku muhanda uva mu mujyi-
Nyamirambo. Urenga mu Biry-
ogo— Ku kigo cyo ku Intwari ni
haruguru gato kuri kaburimbo.

Hateganye no ku rusengero
rw'Abadive.

Kwiga Ikinyarwanda

IKINYARWANDA

Gusobantura amagambo

Umuhigo (Igikorwa cyo guhiga). icyo umuntu atahukanye avuye mu higa

Kwakuza: Guhamagaza

Irebe ry'Umuryango: ni mu muryango hino y'urusika, hafi y'urugi

Impinga: Imbehe baraguriraho. Ibazwa mu giti cy'umusave.

Kumara urubanza: ni ukubaga itungo barigabira imandwa

Kugereka: Kwiruka ku kintu ukoresheje imbaraga zawe zose

Gukora ku maguru: Gutangira kwiruka

Gusenda: Kwirukana umugore

Gusenena: Kugendana agasuzuguro

Kuvuza uruhindu: Kuboha icyibo cyangwa se ibiseke

Gutaguza: kugenda by'umwana wiga kugenda

Ibihozo: uturirimbo tunongeye amatwi, tugenewe guhoza abana.

Amarindira: Amata bakama ubwa kabiri, inyana imaze kongera kuretesha.

Kuretesha: Koroshya amabere y'inka kugirango babashe kuyikama.

Insingamigani

U Rwanda ruratera ntiruterwa

“U Rwanda ruratera ntiruterwa “ Uwo Mugani ufite inkomoko k’Umwami CYILIMA II RUJUGIRA wategetse ahasaga mu w’1675 kugeza mu w’1708.Uwo Mwami amaze kwima Ingoma ya Se Yuhi III Mazimpaka, ku Ngoma ye yahuye n’urugamba rukomeye, u Burundi, u Bugesera, i Gisaka n’i Ndorwa, byibumbiye hamwe ngo byagirize u Rwanda, rwari urugamba rukomeye cyane, kuko byose byari ibihugu by’Abaturanyi b’u Rwanda birutaye hategati. Dore uko ibitero byo ku Ngoma ye byagenze ,aribyo byabaye imvano y’uwo mugani. Cyilima Rujugira yarwanye intambara itoroshye yahurije, u Burundi, u Bugesera, n’i Gisaka cy’Abazirankende arayitsinda ,mu gutsinda urwo rugamba, byamuteye akanyabugabo ko kurushaho kwiha intego yo gutsinda i Ngoma y’i Ndorwa y’Abashambo yari iherereye mu majyaruguru y’u Rwanda. Igihugu cyo mu Ndorwa cyari icy’Abashambo bakomokaga kuri Mushambo wa Kanyandorwa I Sabugabo. Babarizwaga muri Komini Giti, Rutare, Muhura, Muvumba ho muri Byumba.Ni ukuvuga ayo makomini n’uduce tw’Umutara twose turi mu majyaruguru y’ u Rwanda kugeza ku mupaka warwo n’igihugu cy’ Ubugande.(ubu ni mu Turere twa Gatsibo na Nyagatare) Babarizawaga na none muri Komini Kivuye ,Cyumba ,Cyungo ho muri Byumba (Ubu ni mu Karere ka Gicumbi).

Kubera urugamba yari amaze gutsinda rukomeye rw’ibyo bihugu (u Burundi,Gisaka n’u Bugesera), yahise yohereza umuhungu we w’Igikomangoma NDABARASA gutera Ndorwa .Ndabarasa ntiyatindiganyije aba acuze inkumbi MUSHAMBO GAHAYA I MUZORA umwami w’ I Ndorwa.Icyo gihe bigarurira ingabe yabo MURORWA.

Ubwami bwa Ndorwa butangira kuyoboka u Rwanda n’impugu zayo zirimo Mpororo (ho mu Bugande), Umutara n’Umubari, Abashambo baho baba isanga n’ingoyi n’Abanyiginya b’I Gasabo.Ingoma Ndorwa izima ityo.

Icyo gihe yifashishije Rubanda ,yashoboye kwanamiza urwo rugamba maze ahigika u Burundi , atsinda i Gisaka n’u Bugesera n’I Ndorwa.Kubera icyo gikorwa k’ikirenga yakoze cyo kurwanya Ibihugu bine bikomeye akabitsinda kandi byari bitereye rimwe,niho kuvu- ga yihanukiriye agira ati « u Rwanda ruratera ntiruterwa ».Bishaka kuvuga :”Uteye u Rwanda ruramutsinda,ashatse yajya abyihorera”.

Ku Ngoma ya Cyilima Rujugira, nuko u Bugesera bwongeye gutera u Rwanda ahasaga mu w’1708, Intambara irarema , urugamba rurakomera .Rujugira Ingabo z’u Bugesera zimukubita umwambi yambuka Kigali ya Bwanacyambwe ,agwa I NTORA(hariya hubatse isoko ry ‘imbaho ku Gisozi, ubu hasigaye hitwa ku Gisozi n’ubundi),arimo azamuka ajya mu rugo rwe rwari ruhutse (ahari ikibanza cya Perezida Paul Kagame). Nubwo urwo rugamba rwabaye injyanamuntu rugatuma n’Umwami atanga, Ingabo z’u Rwanda zararutsinze.Icyo gihe ingabo z’u Bugesera barazihashya bazambutsa Nyabarongoko, kuko Ndabarasa Umuhungu wa Rujugira yari amenyereye imirwano byo mu rwego rwo hejuru.

Kubera ko Ingabo z’u Rwanda zatsinze urwo rugamba biziruhije cyane, byatumye zidakomeza gukurikirana Ingabo z’u Bugesera zimaze kwambuka Nyabarongo barazihorera, muri icyo kibariro ntabwo u Bugesera bwongeye kwigerezaho ngo butere u Rwanda. Nuko Rujugira amaze gutanga ,asimburwa ku Ngoma n’Umuhungu we Ndabarasa wafashe izina ry’u Bwami rya Kigeli III,wategetse ahasaga mu w’1708 kugeza mu w’1741.

Kirazira: Umuntu n’Inka

- Umuntu iyo abonye igicaniro cy’inka kiyakije areba icyansi akacyerekeza ku gicaniro ati :”Uraze utazira abagore “Ibyo biba bisura inka izaza muri urwo rugo
- Umuntu wariye inyama z’intama, ntanywa amata,iyo ayanyweye zipfa amabere (amaziri).
- Uriye inyama z’ihene nawe nta nywa amata kereka iyo babanje kuzirunga (kuzikarangisha amavuta y’inka).
- Uriye inkuru cyangwa se ibyobo byo ku gasozi nabyo byitwa kwica amabere y’inka.
- Kurya imegeri, intyabire, igisura, isanane, inkware, urukwavu, ntiyanywa amata nabyo byica amabere y’inka n’amata barayacunda akanga kureta.

Twige indimi zo hanze



Kurya : To eat

Kuryama: To Sleep

Kureba: To see

Kubyuka: Wake up

Kugenda: To go

Kuba: To be

Kugira: To have

Kuvuga: To Speak

Ibitabo: Books

Ikaramu:Pen

Ikigapu:Bag

Kereyo:Pencil

Umukeraruge ndo: Tourist

Uyobora: Guide

Uburiri: Bed

Umushyitsi: Visitor/Guest

Ibiryo: Foods

Icyayi:Tea

Ameza: Table

Isahane: Palte/Dish

Igikombe: Cup

Amazi: Water

Amata: Milk

Ubuki:Honne

JUmutobeJuice

Inzoga: Beer

Murakoze: Thank you

WARI UZI KO! - LE SAVIEZ-VOUS! - DID YOU KNOW!

Umusave ari Igiti babazamo
imbehe baraguriraho.

Table Mountains in South Africa,
is new 7 wonders of nature since 2011.

Morocco is the 2nd oldest
continuous monarchy in the
world.

Togo a un seul site culturel de Koutammakou,
inscrit au patrimoine mondial de l'UNESCO depuis 2004

Nelson Mandela était emprisonné
pendant 27 ans (1963-1990). Il était
libéré le 11 Février 1990.

The really name of Davido is
David Adedeji Adeleke

La chanteuse Mbilia Bel est
la congolaise. (RDC)

Ibisiza ari imibande migari iteze
kandi yumutse.

Praia is the capital city of Cape Verde.

IMIKINO y'ubwenge-Intelligence Games-Jeux d'Intelligence

Mukine muri Babiri cg amatsinda..

Mwihe igihe cyo gusubiza

Murebe ugira amanota menshi/Utisnda yihembe!

1.Bwana Bernard Makuza yabaye Minisitiri w'Intebe

- a.2000-2011
- b.2003-2015
- c.2000-2010

2.World heritage site of Victoria Falls is located;

- a.On the border of Zambia and Mozambique
- b.On the border of Zimbabwe and Mozambique
- c.On the border of Zambia and Zimbabwe

3..L'artiste Alpha Blondy a la nationalité du ?

- a.Cameroun
- b. Côte d'Ivoire
- c.Sénégal

4.Uruzi rwa Nyabarongo n'uruzi rw'Akanyaru iyo bihuye bibyara?

- a.Uruzi rwa Mukungwa
- b.Uruzi rwa Akagera
- c.Uruzi rwa Nyabarongo

5.World heritage site of Lamu Old Town is located

- a.In the Indian Ocean
- b.In the Atlantic Ocean
- c. In the Mombasa Island

6.Afrique du Sud a accueilli le Coupe du Monde en

- a.2006
- b.2014
- c.2010.



2025, Kigali International Peace Marathon ku nshuro ya 20 (2005-2025)



Ni isiganwa ryo Kwiruka Mpuzamahanga ry'Amahoro ryatangiye mu mwaka wa 2005, ritegurwa n'ishyirahamwe ry'Imikino Ngororamubiri mu Rwanda (RAF) kubufatanye na Minisitiri ya Siporo. Ni irushanwa rigizwe n'ibice bitatu; Run For Peace, Half Marathon na Full Marathon.

Insanganyamatsiko y'uuyu mwaka yari Isi Yose I Kigali na Kigali ku Isi Yose! Ryari ku nshuro ya kabiri ribaye riri ku rwego rwa Gatatu rw'amarushanwa akomeye ku isi. (Global Elite Label Status) ryitabiriwe n'abantu bagera ku bihumbi 14.480; harimo 1314 muri Full Marathon, 1836 muri Half Marathon na 11.730 muri Run For peace. Harimo abakinnyi bagera ku 100 ba mbere ku isi bararyitabiriye.

Mu bantu baryitabiriye harimo n'abayobozi bakomeye mu Rwanda bari muri Half Marathon (10KM) ; Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana; Umuyobozi Mukuru Wungirije wa RCB, Candy Basominger; Perezida wa RAF, Col (Rtd) Kayumba Lemuel; Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire; Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo, Christine Nkulikiyinka n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisitiri y'Uburezi, Irere Claudette.

U Rwanda rwaserukiwe n'abakinnyi 11; abagore 5 muri Half Marathon, abagabo 2 muri Full Marathon n'abagabo 4 muri Half Marathon. Abasiganwa bahagurukiye kuri Stade Amahoro na BK Arena.

Abanyamahanga bishyuraga 80\$ na 77€, abaturutse muri Afurika y'Iburasirazuba bishyuye 60\$ na 57€ naho ababa mu Rwanda bishyura 8000 Frw nk'uko bimeze ku Banyarwanda. Abazasiganwa mu cyiciro cya "Run for Peace" bishyura 5000 Frw, abiyandikishiriza hamwe nk'ikigo bishyuye 1000\$, abanyacyubahiro bishyuye 500\$. Ni mu gihe abanyeshuri n'abatarengeje imyaka 18 bo ntabwo bishyuye basabwaga kwiandikisha. Bakoreshaga urubuga rwa www.kigalimarathon.org

Umunya-Kenya, Laban Kipngetich Korir, yabaye uwa mbere muri Full Marathon y'abagabo yakoresheje amasaha abiri, iminota 18 n'amasegonda 26. Yakurikiwe na mwenewabo Langat Kipkirui naho Umunya-Ethiopia, Tadese Mamo Temechachu aba uwa gatatu.

Umunya-Kenya Njoroge Derrick Chege ni we wegukanye umudali wa Zahabu muri Half-Marathon ya "Kigali International Peace Marathon 2025", aho yakoresheje isaha imwe, iminota itanu n'amasegonda 23. Uwa kabiri yabaye Kamutwire Gilbert wo muri Uganda.

Umunyarwanda Bigirimana Théophile usanzwe ukinira New Athletics Star, yabaye uwa gatatu.

Teresiah Omosa wo muri Kenya, yegukanye "Kigali International Peace Marathon 2025" muri Full Marathon y'Abagore, akoresheje amasaha abiri, iminota 37 n'amasegonda 12. Uwa kabiri yabaye Chala Kebene wo muri Ethiopia naho uwa gatatu aba Jeruto Ivyne Lagat wo muri Kenya.

Umunyarwandakazi Niyonkuru Florence yegukanye umudali wa Zahabu muri Half Marathon y'Abagore nyuma yo gukoresha isaha, iminota 13 n'amasegonda 57 ku ntera y'ibilometero 21,9. Yakurikiwe na [Musabyeyezu Adeline wari we Munyarwanda uheruka kwegukana uyu mudali mu 2022](#) naho Vivian Jepkogei wo muri Kenya aba uwa gatatu.

Ibihembo mu gice cya Full Marathon mu bagabo n'abagore yahawe ibihumbi 20\$ (hafi miliyoni 28 Frw). Uwa kabiri ahabwa ibihumbi 15\$ naho uwa gatatu atwara 7500\$. Uwa kane yabonye 5000\$, uwa gatanu abona 3000\$ mu gihe kuva ku wa gatandatu kugeza ku wa munani bahawe 2000\$, 1500\$ na 1000\$.

Ibihembo mu gice cya Half Marathon (ibilometero 21,098), uwa mbere mu bagabo no mu bagore yahawe 5000\$ (hafi miliyoni 7 Frw). Uwa kabiri yabonye 4000\$, uwa gatatu ahabwa 3000\$. Kuva ku mwanya wa kane kugeza ku wa munani bahawe 2000\$, 1000\$, 800\$, 500\$ na 400\$.

Mu bandi banyarwanda bitwaye neza harimo muri Half Marathon; Nkurunziza Emmanuel wakinye ku giti cye yabaye uwa gatanu, Nsabimana Jean Claude w'Ikipe y'Igihugu aba uwa gatandatu naho Nizeyimana Sylvain wa APR AC aba uwa munani. Nizeyimana Alexis usanzwe ukinira Ikipe ya Nyaruguru AC, yabaye uwa gatanu muri Full Marathon.

Mu kiciro cya Half Marathon y'abagore, mu bakinnyi umunani ba mbere bahembwe muri iki cyiciro, harimo Abanyarwandakazi batandatu. Abandi batari mu myanya ibiri ya mbere ni Uwizeyimana Jeanne Gentile wa kane, Imanizabayo Emeline wa gatanu, Ibishatse Angélique wa gatandatu na Uwiduhaye Théophila wa karindwi.

Ibindi byaranze iri rushanwa, Umunya-Kenya, Labar yehukanye Full Marathon ku nshuro ya kabiri (2024, 2025). Kuri iyi nshuro, irushanwa ryageze kuri Sonatubes (Kicukiro). Uyu mwaka, nta mu nyarwandakazi witabiriye Full Marathon y'abagore. Irushanwa ryosorejwe kuri Stade Amahoro, ahari hateguwe Village Marathon.

Ijoro ryo ku Inkingi Arts Space



Inkingi Open Mic ni Ijoro ry'igitaramo nyarwanda Kibera ku Inkingi Arts Space ku bufatanye na Wrika. Ijoro ry'uruhurirane ry'ubusizi, amateka n'amafunguro ya Kinyarwanda. Ni ijoro rya Kinyarwanda.

Ubusizi

Kugaragaza impano n'ubushobozi mu byerekeeye ubusizi ni bimwe mu biranga iri joro. Kwivuga, kuvuga imivugo n'imigani. Kugaragaza ubuhanga mu gutebya, guhana amagambo, bifasha urubyiruko gutinyuka kuvuga mu ruhamwe.

Amafunguro



Kurya Kinyarwanda na Ikoma Arts, Urubyiruko rutegura amafunguro ya Kinyarwanda ku buryo bugezweho, bakayategura neza. Ibijumba byokeje runonko, ibishyimbo, imboga, ibitonore, igihaza, ikwanga...

Ubuhanzi

Kuririmba no kubyina ni bimwe mu bishimisha abitabira iri joro. Ni umwanya ufasha abahanzi bakizamuka, umuntu wese gutinyuka akaririmba, akagaragaza impano ye.

Inkingi Arts Space iherereye Kacyiruru, hepfo gato y'umurenge wa Kacyiru. 24 KG 550 St Kigali.

Wareba amafoto kuri P.38

Sura social media yabo ya Instagram., umenye gahunda zaho.

Ukunda gusoma? Ukunda Kwandika? Ufite isomero? Ufite ikigo ndangamuco? Utanga serivisi z'ubukeraugendo? Igicumbi Magazine ntikizabure ahantu ukorera! Turabigusabye.

Igicumbi Magazine ni ikinyamakuru kikugezaho inkuru z'ubukerarugendo, umuco, amateka, ubukerarugendo n'imirage by'u Rwanda na Afurika.

Igicumbi Magazine isohoka buri mezi atatu;
Mutarama-Werurwe, Mata-Kamena, Nyakanga-Nzeri,
Ukwakira-Ukuboza.

Ushaka kumenyekanisha ibikorwa byawe ndangamuco,
by'ubukerarugendo. Tugane Tugufashe.

Igicumbi Magazine cyagenewe abantu bose; abana, urubyiruko n'abakuze!

Igicumbi Magazine cyandikwa mu ndimi enye; ikinyarwanda,
igifaransa ,icyongereza. n'igiswahili

Soma Igicumbi Magazine kuri:

www.igicumbi.com

Twandikire/Ecrivons-Nous/Contact us:

Email: umuragewacugroup@gmail.com

Tel +250796512151



@umuragewacu



@umuragewacugroup



@umuragewacu